URUZINDUKO RW'UMWEPISKOPI RWO GUSURA ABASEMINARI BAKURU BA DIYOSEZI YA NYUNDO AHO BIGA

Ku matariki ya 27, 28, 29/03/2019, Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yasuye abaseminari ba Diyosezi ya Nyundo biga mu i Seminari nkuru zinyuranye, ari zo: **Grand Séminaire Propédeutique de Rutongo, Philosophicum Kabgayi, Théologicum Nyakibanda.**

Intego nyamukuru yari afite ni iyo "kuganiriza abaseminari ba Diyosezi ya Nyundo" aho bigira akamenya n'amakuru yabo.

Mu ijambo rye,ahura n'abaseminari aho biga hanyuranye, Musenyeri yasuhuje abaseminari, abifuriza gukomera ku muhamaharo wabo barushaho gusenga no gucengera amahame ya Kiliziya, kunoza Liturujiya, kwihatira kumenya indimi, gukunda Kiliziya no kwitwara neza muri formation.

Musenyeri yashoje ashimira abaseminari bose ndetse n'abarezi babo, kandi abifuriza gukomeza guhimbaza neza Igisibo no kuzagira Pasika nziza.

Umwepiskopi ari kumwe n'abafaratri biga i Rutongo, hamwe na Padiri Straton NSHIMYUMUREMYI, wa Nyundo uhakorera ubutumwa.

Umwepiskopi ari kumwe n’abapadiri b’abarezi ba Seminari nkuru y’i Rutongo

Umwepiskopi ari kumwe n’abaseminari biga muri Théologicum Nyakibanda

Padiri Jean Marie KWIZERA